Where any of the connected persons have for the purpose of the establishment of the scheme, agreed to sell real estate to the scheme, the offer document shall prominently disclose the following:

(i) A valuation report of the real estate that the connected person has agreed to sell; and

(ii) The price to be paid by the scheme for the subject real estate and other terms of the transaction.

If the real estate investment management company manages more than one scheme and a transaction involves two or more of the schemes managed by the real estate management company, transactions between these schemes shall be deemed connected party transactions for each of the schemes involved in the transactions.

liée à l'avenir, avec les délais dans lesquels cette acquisition aura lieu ou si cette acquisition n'est pas prévue.

Lorsque l'une des personnes liées a, dans le but de la mise en place du fonds, accepté de vendre un bien immobilier au fonds, le document d'offre doit indiquer d'une manière bien lisible ce qui suit :

(i) un rapport d'évaluation de l'immobilier que la personne liée a convenu de vendre ;
(ii) Le prix à payer par le fonds pour le bien immobilier en cause et les autres conditions de la transaction.

Si la société de gestion de placement immobilier gère plus d'un fonds et qu'une transaction implique deux ou plusieurs des fonds gérés par la société de gestion de placement immobilier, les transactions entre ces fonds sont considérées comme les opérations entre parties liées pour chacun des fonds impliqués dans ces transactions.

**Ingingo ya 47: Ibikorwa by'ubucuruzi by'abantu bafitanye isano bigomba kuba nta na kimwe kigendera ku kindi kandi bikozwe mu mucyo**

Ibikorwa byose by'ubucuruzi bikozwe n'ikigega cyangwa bikozwe mu izina ryacyo bigomba:

(a) gukorwa ku buryo nta na kimwe kiba kigendera ku kindi;
(b) gukorwa mu buryo bugaragara kandi bunyuze mu mucyo kandi igihe bishoboka ibikorwa by'ubucuruzi bigomba gukorwa hakurikijwe uburyo bw'isoko rifunguye cyangwa bw'ipiganwa rikoreheje cyamunara kandi sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa ifite ishingano yo gukora ku buryo ibyo bigenda gutyo.
(c) gukorerwa igenagaciro ku birebana n'ibikorwa by'ubucuruzi birebana n'umutungo kandi iryo genagaciro rikaba ryarakozwe n'umugenagaciro wigenga;
(d) kuba bijyanye n'intego z'ishoramari n'ingamba z'ikigega;
(e) kuba bikorwa mu nyungu z'abashoramari;
(f) kumenyeshwa uko bikwiye ba nyir'ikigega.

**Article 47: Transactions of Connected Persons to be at Arms Length and transparent**

All transactions carried out by or on behalf of the scheme shall be:

(a) carried out at arm's length;
(b) Carried out in an open and transparent manner and where circumstances permit, transactions shall be carried out by way of open tender or competitive bidding by auction and it shall be the duty of the real estate investment management company to ensure the same.
(c) Valued, in relation to a property transaction, by an independent valuer;
(d) Consistent with the investment objectives and strategy of the scheme;
(e) In the best interests of holders; and
(f) Properly disclosed to holders.

**Article 47: Nécessité pour les transactions de personnes liées d'être indépendantes les unes des autres et transparentes**

Toutes les transactions effectuées par ou pour le compte du fonds doivent:

être réalisées sans lien de dépendance;

(a) être réalisées de manière ouverte et transparente et si les circonstances le permettent, être effectuées par voie d'appel d'offres ouvert ou d'appel d'offre concurrentiel à la vente aux enchères et il sera du devoir de la société de gestion de placement immobilier de s'assurer que cela se fait de cette manière ;
(b) faire l'objet d'une évaluation d'un un expert indépendant dans le cadre d'une transaction immobilière ;
(c) être conformes aux objectifs de placement et à la stratégie du fonds;
(d) être dans les meilleurs intérêts des détenteurs ;
(e) être dûment communiqués aux détenteurs.

**Ingingo ya 48: Ukwemerwa na ba nyir'ibice fatizo by'imigabane**

Kubanza kwemerwa na ba nyir'ibice by'imigabane si ngombwa ku bikorwa by'impande zifitanye isano iyo:

**Article 48: Approval of Unit Holders in some cases**

Unit holders' prior approval is not required for connected party transactions where:

**Article 48: Approbation des détenteurs de parts dans certains cas**

L'approbation préalable des détenteurs de parts n'est pas requise pour les transactions entre parties liées lorsque:

(a) igiteranyo cy'ingurane cyangwa cy'agaciro k'igikorwa cy'ubucuruzi kitageze kuri gatanu ku ijana (5%) by'agaciro ka vuba k'umutungo bwite w'ikigega nkuko bigaragara mu nyandiko z'ibaruramari z'ikigega riheruka zakorewe igenzuramari kandi zatangajwe kandi zigahuzwa ku birebana n'ibikorwa ibi n'ibi bizakurikiraho uhereye ku itangazwa ry'izo nyandiko;

Iyo hakozwe igikorwa cy'ubucuruzi kirenze kimwe kandi gikozwe n'ufitanye isano n'abandi kandi agaciro k'icyo gikorwa cyonyine kikaba kitarengeje igipimo ntarengwa cya gatanu ku ijana (5%), icyo gipimo ntarengwa gikoreshwa ku gaciro gakomatanyije k'ibikorwa byose by'ubucuruzi byakozwe hagati y'uwo muntu n'ikigega mu gihe cy'amezi cumi n'abiri abanziriza igikorwa giteganijwe.

(b) Ikigega kitigeze gikorana ikindi gikorwa iki n'iki n'uwo muntu ufitanye isano n'abandi ( harimo abishyize hamwe na we, ikigo gifite ubwiganze mu migabane, sosiyete mbyeyi, sosiyete shami cyangwa sosiyete byishyize hamwe) mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) abanziriza igikorwa kiri gukorwa.

Ibikorwa by'ubucuruzi by'impande zifitanye isano zifite imiterere imwe na serivisi zatanzwe zifitanye isano n'umutungo utimukanwa w'ikigega mu rwego rw'imicungire isanzwe imenyerewe nk'imirimo yo gusubiza isura inyubako no kuyitaho bikorerwa amasezerano asanzwe

(a) The total consideration or value of the transaction is less than five per cent of the latest net asset value of the scheme, as disclosed in the latest published audited accounts of the scheme, and adjusted for any subsequent transactions since the publication of such accounts; and

Where more than one transaction is conducted with the same connected person and the value of this single transaction does not exceed the 5% limit, the limit applies to the cumulative value of all the transactions between such person and the scheme during the twelve months preceding the intended transaction.

(b) The scheme has not entered into any other transactions with the same connected person (including its associate, controlling entity, holding company, subsidiary or associated company) during the twelve months preceding the current transaction.

Connected party transactions in the nature of services provided relating to the real estate of the scheme in the ordinary and usual course of estate management, such as renovation and maintenance work, shall be contracted on normal commercial terms and subject to the prior approval of the real

(a) la contrepartie totale ou la valeur de la transaction est inférieure à cinq pour cent de la dernière valeur liquidative du fonds figurant dans les derniers comptes publiés vérifiés du fonds et ajusté pour les transactions ultérieures depuis la publication de tels comptes; et

Lorsque plus d'une opération est effectuée avec la même personne liée et que la valeur de cette transaction unique ne dépasse pas la limite de 5%, la limite s'applique à la valeur cumulée de toutes les transactions entre cette personne et le fonds au cours des douze mois précédant la transaction prévue.

(b) le fonds n'a pas conclu d'autres transactions avec la même personne liée (y compris son associé, son entité majoritaire, sa société holding, sa filiale ou sa société associée) au cours des douze mois précédant la transaction en cours.

Les transactions entre parties liées dans la nature des services fournis concernant les biens immobiliers du fonds dans le cours ordinaire et habituel de gestion immobilière, tels que travaux de rénovation et d'entretien, doivent être contractées dans des conditions commerciales

y'ubucuruzi kandi bikabanza kwemerwa n'ikigega cy'ishoramari mu mutungo utimukanwa.

Abahagarariye abashoramari b'ikigega cy'ishoramari mu mutungo utimukanwa cyangwa se sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa, ababihagarariye, umugenamutungo mukuru w'ikigega cyangwa se abandi bantu bafitanye isano n'ikigega bashobora gusigarana amafaranga cyangwa inyongezo bituruka ku bakora ubucuruzi bw'umutungo hakurikijwe uburyo bwo kwimura ibikorwa birebana n'umutungo w'ikigega bikajya ku muntu ukora ubucuruzi bw'umutungo.

Ikigega ntigishobora guha akazi abantu bafitanye isano kugira ngo bakore imirimo y'abantu bakora ubucuruzi bw'umutungo kugira ngo bagihe serivisi harimo serivisi z'ubujyanama cyangwa serivisi z'ikigo mu rwego rw'ibikorwa by'ubucuruzi birebana n'umutungo.

**UMUTWE WA IX: IBISABWA MU MIKORERE**

**Ingingo ya 49: Ibigomba kugaragazwa mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane**

Ibigega byemewe bigomba gutangaza inyandiko ijyanye n'igihe ihamagarira rubanda kugura imigabane iyo bihamagarira rubanda kugura ibice fatizo by'imigabane kandi iyo nyandiko igomba kuba ikubiyemo amakuru ya ngombwa abashoramari bakeneye kugira ngo bashobore gusuzuma ishoramari basabwa gukora bafite amakuru ahagije kandi ikaba igomba kuba irimo ku

estate investment trust.

Neither the trustees of real estate investment trust nor the real estate investment management company, its delegates, the Principal Valuer of the scheme nor any other connected persons to the scheme may retain cash or other rebates from a property agent in consideration of referring transactions in scheme property to the property agent.

The scheme shall not engage connected persons as property agents for rendering services to the scheme, including advisory or agency services in property transactions.

**CHAPTER IX: OPERATIONAL REQUIREMENTS**

**Article 49: Matters to be disclosed in Offer Document**

Authorized schemes shall issue an up-to-date offer document when they offer units to the public, containing information necessary for investors to be able to make an informed judgment regarding the investment proposed to them, and in particular containing the information as specified by the Authority.

normales et sous réserve de l'approbation préalable de la fiducie de placement immobilier.

Ni les fiduciaires de la fiducie de placement immobilier, ni la société de gestion de placement immobilier, ni ses délégués, ni l'expert immobilier principal du fonds, ni les autres personnes liées au régime ne peuvent conserver des liquidités ou d'autres remboursements d'un agent immobilier en contrepartie du transfert des opérations des biens du fonds à l'agent immobilier.

Le fonds ne peut engager des personnes liées à titre d'agents immobilier pour lui fournir des services, y compris les services de conseil ou des services d'agence dans les transactions immobilières.

**CHAPITRE IX: EXIGENCES OPÉRATIONNELLES**

**Article 49: Informations devant figurer dans le document d'offre**

Les fonds autorisés doivent publier un document d'offre mis à jour quand ils offrent des parts au public, lequel document doit contenir des informations nécessaires aux investisseurs leur permettant de porter un jugement éclairé en ce qui concerne l'investissement qui leur est proposé, et en particulier contenir des informations spécifiées par l'Autorité.

buryo bw'umwihariko amakuru Ikigo gisaba gushyiramo.

**Ingingo ya 50: Inyandiko z'amategeko**

Inyandiko mpamo n'inyandiko z'amategeko z'umutungo w'ikigega zigomba gusuzumwa n'abavoka n'amabanki atanga inguzanyo z'ubwubatsi ahawe ingwate ku mutungo utimukanwa

**Ingingo ya 51: Igitabo cyandikwamo ba nyir'imigabane**

Ikigega cy'ishoramari mu mutungo utimukanwa cyangwa umwanditsi w'abashinzwe ishyirwa ku isoko n'ihererekanya ry'imigabane bashyirwaho muri ubwo buryo bagomba kugira igitabo bandikamo ba nyir'ibice shingiro by'imigabane kandi Ikigo na cyo kikaba kigomba kumenyeshwa aderesi z'aho icyo gitabo kibitse.

Icyo gitabo kigomba gushyirwa ahantu kigomba kugenzurwa na ba nyir'ibice fatizo by'imigabane mu masaha y'akazi.

**Ingingo ya 52: Inama**

Inteko rusange ya ba nyir'ibice fatizo by'imigabane zikorwa ku buryo bukurikira:

(i) ba nyir'imigabane bashobora kohereza ababahagarariye;
(ii) umubare w'amajwi ugenwa hashingiwe ku mubare w'ibice fatizo by'imigabane umuntu afite cyangwa se ku gaciro k'ibice

**Article 50: Legal Documentation**

Title investigation and legal documentation of scheme properties shall be examined by advocates and banks that extend housing loans on mortgage of properties.

**Article 51: Register of Holders**

The real estate investment trust or registrar to an issue and share transfer agent so appointed by the trust shall maintain a register of unit holders and the Authority shall be informed of the address (es) where such register is kept.

The register shall be kept open for inspection by unit holders during business hours.

**Article 52: Meetings**

General meetings of unit holders shall be conducted as follows:

(i) Holders shall be able to appoint proxies;

(ii) Votes shall be proportionate to the number of units held or to the value of units held where there are accumulation units;

**Article 50: Documentation juridique**

L'enquête sur les titres de propriété et la documentation juridique des biens du fonds doivent être examinés par les avocats et les banques qui octroient des prêts de logement contre l'hypothèque sur des biens immobiliers.

**Article 51: Registre des détenteurs**

La fiducie de placement immobilier ou le registraire auprès d'un agent d'émission et de transfert des actions ainsi nommé par la fiducie doit tenir un registre des détenteurs de parts et doit informer l'Autorité de l'adresse ou des adresses où un tel registre est conservé.

Le registre doit être ouvert pour inspection par les détenteurs de parts pendant les heures ouvrables.

**Article 52: Réunions**

Les assemblées générales des détenteurs de parts doivent se tenir comme suit:

(i) les détenteurs peuvent se faire représenter par procuration;
(ii) le vote se fait proportionnellement au nombre de parts détenues ou à la valeur des parts détenues lorsqu'il y a des parts de

fatizo by'imigabane igihe ibice by'imigabane byakomatanyijwe;

(iii) umubare wa ngombwa kugira ngo inteko rusange igomba gusuzumirwamo umwanzuro udasanzwe iterane ugomba kuba ugizwe na ba nyir'ibice fatizo by'imigabane bafite 25% by'ibice fatizo by'imigabane ishyirwa ku isoko naho igihe ari ugusuzuma umwanzuro usanzwe uwo mubare ukaba ugomba kuba ugizwe na ba nyir'ibice fatizo by'imigabane bafite 25%;

(iv) iyo mu gihe kingana n'igice cy'isaha uhereye igihe inama yari iteganijeho umubare wa ngombwa ukenewe utari waboneka, iyo nama irasubikwa mu gihe kitari hasi y'iminsi cumi n'itanu (15). Umubare wa ngombwa ukenerwa iyo inama yasubitswe yongeye guterana ni uwa ba nyir'imigabane baje baba baje ubwabo cyangwa bahagarariwe;

(v) iyo hashobora kuvuka igongana ry'inyungu hagati y'ibyiciro bitandukanye by'abanyamigabane hagomba guteganwa uburyo bwo gukora inama ihuza abari mu byiciro bimwe;

(vi) abanyamigabane ntibemerewe kujya mu bafata ibyemezo birebana n'ibice fatizo byabo cyangwa se ngo babarirwe mu mubare wa ngombwa ukenewe kugira ngo inama iterane igihe iyo nama bafite inyungu igaragara mu biri ku murongo w'ibyigwa kandi iyo nyungu ikaba itandukanye n'inyungu z'abandi

(iii) The quorum for meetings at which a special resolution is to be considered shall be the holders of 25% of the units in issue and 10% if only an ordinary resolution is to be considered;

(iv) If within half an hour from the time appointed for the meeting a quorum is not present, the meeting shall be adjourned for not less than 15 days. The quorum at an adjourned meeting will be the number of those holders present at the adjourned meeting in person or by proxy;

(v) If the possibility exists of a conflict of interest between different classes of holders there shall be provision for class meetings;

(vi) holders shall be prohibited from voting their own units at, or counted in the quorum for, a meeting at which they have a material interest in the business to be contracted and that interest is different from the interests of all other holders;

capitalisation;

(iii) le quorum pour les réunions au cours desquelles une résolution spéciale doit être examinée exige les détenteurs de 25% des parts émises et de 10% s'il ne s'agit que d'une résolution ordinaire devant être examinée;

(iv) si, dans une demi-heure suivant l'heure fixée pour la réunion, un quorum n'est pas atteint, la réunion doit être ajournée pendant au moins 15 jours. Le quorum à une assemblée ajournée est le nombre des détenteurs de parts présents à l'assemblée ajournée en personne ou par procuration;

(v) en cas de risque d'un conflit d'intérêt entre différentes catégories de détenteurs, il faut envisager des réunions des catégories ;

(vi) les détenteurs doit être interdits d'exprimer un vote sur leurs propres parts, ou d'être comptés dans le quorum pour une réunion dans laquelle ils ont un intérêt important dans les points devant être examinés lorsque cet intérêt est différent de l'intérêt de tous les autres détenteurs;

banyamigabane bose;

(vii) umwanzuro usanzwe ushobora gufatwa ku bwiganze busanzwe bw'amajwi y'abari mu nama bemerewe gutora mu ifatwa ry'ibyemezo baba ubwabo cyangwa bahagarariwe mu nama yatumijwe hakurikijwe amategeko;

(viii) umwanzuro udasanzwe ushobora gufatwa gusa ku bwiganze bw'amajwi y'abahari bemerewe gutora mu ifatwa ry'ibyemezo baba bahari ubwabo cyangwa bahagarariwe angana na 75% cyangwa arenze bateraniye mu nama yateranye ku buryo bwemewe kandi abantu bagatora mu buryo busanzwe bw'itora.

**Ingingo ya 53: Amafaranga yishyurwa**

Ibishingirwaho mu kubara amafaranga yose yishyurwa n'acibwa akurwa ku mitungo y'ikigega agomba kugaragazwa ku buryo bugaragara mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane kandi ijanisha rikabarwa ku mwaka. Nyamara ariko ayo mafaranga yakwa ku gikorwa cy'ubucuruzi akishyurwa sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa cyangwa se umwe mu bafitanye isano na yo ashobora kwangwa kubera ko anyuranije n'inshingano za sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa zo gucungira abandi imigabane.

Amafaranga akurikira yakwa, acibwa n'asabwa ntashobora kwishyurwa akuwe ku mutungo w'ikigega:

(vii) an ordinary resolution may be passed by a simple majority of the votes of those present and entitled to vote in person or by proxy at a duly convened meeting;

(viii) a special resolution may only be passed by 75% or more of the votes of those present and entitled to vote in person or by proxy at a duly convened meeting and the votes shall be taken by way of poll.

**Article 53: Fees**

The basis of calculation of all costs and charges payable from the scheme's property shall be clearly stated in the offer document, with percentages expressed on a per annum basis. Provided that Percentage-based transaction fees payable to the real estate investment management company or any of its connected persons may be disallowed as being inconsistent with the management company's fiduciary responsibility.

The following fees, costs and charges shall not be paid from the scheme's property:

(vii) une résolution ordinaire peut être adoptée par une majorité simple des voix des membres présents et habilités à voter en personne ou par procuration à une assemblée dûment convoquée;

(viii) une résolution spéciale ne peut être adoptée que par 75% ou plus des voix des membres présents et habilités à voter en personne ou par procuration à une assemblée dûment convoquée et le voter doit se dérouler sous forme de scrutin.

**Article 53: Frais**

La base de calcul de tous les coûts et charges à payer à parti des biens du fonds doit être clairement indiqué dans le document d'offre, avec des pourcentages exprimés sur une base annuelle sous réserve du fait que les frais de transaction basés sur un pourcentage payables à la société de gestion de placement immobilier ou à une quelconque de ses personnes liées peuvent être rejetés comme étant incompatibles avec la responsabilité fiduciaire de la société de gestion.

Les frais, les coûts et les frais suivants ne sont pas payés à partir de la propriété du fonds:

(a) komisiyo yishyurwa abafasha mu bucuruzi bitewe n'ubucuruzi ubu n'ubu bw'ibice fatizo by'imigabane y'ikigega bwakozwe;
(b) amafaranga yakoreshejwe biturutse ku gikorwa iki n'iki cyo kwamamaza cyangwa kugabanyiriza abakiriya ibiciro ku birebana n'ikigega;
(c) amafaranga adasanzwe yishyurwa avuye ku mutungo w'ikigega;
(d) amafaranga ataragaragajwe mu nyandiko zihamagarira rubanda kugura imigabane.

**Ingingo ya 54: Amatangazo**

Sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa igomba kumenyesha abanyamigabane idatinze amakuru yose cyangwa igikorwa cyose cy'ubucuruzi kireba ikigega kandi bigaragara ko:

(a) ari ngombwa kugira ngo bifashe abanyamigabane gusuzuma ikigega hagamijwe kureba uko gihagaze;
(b) ari ngombwa kugira ngo hirindwe igikorwa icyo ari cyo cyose kigamije kuyobya mu buriganya ibiciro by'ibicuruzwa byo ku isoko ry'ibice fatizo by'imigabane y'ikigega;
(c) bishobora kugaragarako bishobora kubangamira ku buryo bugaragara igikorwa cyo ku isoko kireba ikigega cyangwa kugira ingaruka ku giciro cy'ibice fatizo by'imigabane y'ikigega;
(d) bisaba kwemezwa n'abanyamigabane.

(a) Commissions payable to sales agents arising out of any dealings in units of the scheme;
(b) Expenses arising out of any advertising or promotional activities in connection with the scheme;
(c) Expenses which are not ordinarily paid from the property of schemes; and
(d) Expenses which have not been disclosed in the offer documents.

**Article 54: Announcements**

The real estate investment management company shall inform holders as soon as reasonably practicable of any information or transaction concerning the scheme which:

(a) is necessary to enable holders to appraise the position of the scheme; or
(b) is necessary to avoid a false market in the units of the scheme; or
(c) Might be reasonably expected to materially affect market activity in the scheme or affect the price of the units of the scheme, or
(d) Requires holders' approval.

(a) les commissions payables aux agents de vente découlant de toute opération portant sur des parts du fonds ;
(b) les dépenses liées aux activités de publicité ou de promotion quelconques dans le cadre du fonds;
(c) les dépenses qui ne sont pas ordinairement payées à partir de la propriété des fonds ;
(d) les dépenses qui n'ont pas été indiquées dans les documents d'offre.

**Article 54: Annonces**

La société de gestion de placement immobilier doit, dans les meilleurs délais raisonnables, communiquer aux détenteurs toute information ou transaction concernant le fonds qui :

(a) est nécessaire pour permettre aux détenteurs d'évaluer la situation du fonds ;
(b) est nécessaire pour éviter une commercialisation trompeuse des parts du fonds ;
(c) est raisonnablement de nature à influer significativement sur l'activité du marché du fonds ou d'affecter le prix des parts du fonds ;
(d) exige l'approbation des détenteurs.

## UMUTWE WA X: INSHINGANO RUSANGE

**Ingingo ya 55: Kubika neza ibitabo n'inyandiko by'ibaruramari n'ibindi**

Buri sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa igomba:

(a) gutegura no kubika neza ibitabo n'inyandiko by'ibaruramari bya buri kigega kugira ngo isobanure ibikorwa byayo by'ubucuruzi no kugaragaza igihe icyo ari cyo cyose uko buri kigega gihagaze mu rwego rw'imari no gutanga ku buryo bw'umwihariko mu buryo nyabwo kandi buciye mu mucyo uko ibikorwa by'ikigega bihagaze;

(b) kumenyesha Ikigo n'abahagarariye abashoramari ahantu habitse ibyo bitabo n'inyandiko by'ibaruramari bibitse harimo n'inyandiko zibitse muri mudasobwa

Buri sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa kigomba gukomeza kubika no kubungabunga ibitabo n'inyandiko byayo by'ibaruramari n'inyandiko zibitse muri mudasobwa n'inyandiko zisanzwe mu gihe cy'imyaka itanu (5) uhereye igihe buri kigega gifungiye.

Umwaka w'imari ku bigega byose urangira buri mwaka ku itariki ya 31 Mutarama

## CHAPTER X: GENERAL OBLIGATIONS

**Article 55: To maintain proper books of accounts and records, etc.**

Every real estate investment management company shall:

(a) keep and maintain proper books of accounts, records and documents, for each scheme so as to explain its transactions and to disclose at any point of time the financial position of each scheme and in particular give a true and fair view of the state of affairs of the scheme ;

(b) Intimate to the Authority and the trustees the place where such books of accounts, records and documents including computer records are maintained.

Every Real estate investment management company shall continue to maintain and preserve, for a period of five years after the close of each scheme, its books of accounts, records, computer data and documents.

The financial year for all the schemes shall end as of January 31 of each year.

## CHAPITRE X: OBLIGATIONS GENERALES

**Article 55: Tenue approprié des livres comptables et des registres, etc.**

Chaque société de gestion de placement immobilier doit :

(a) tenir et conserver des livres comptables, des registres et des documents pour chaque fonds afin d'expliquer ses opérations et de communiquer à n'importe quel moment la situation financière de chaque fonds et en particulier donner une image fidèle de la situation du fonds ;

(b) informer l'Autorité et les administrateurs du lieu où ces livres comptables, registres et documents y compris les dossiers informatisés sont tenus.

Chaque société de gestion de placement immobilier doit continuer à tenir et à préserver, pour une période de cinq (5) ans après la clôture de chaque fonds, ses livres comptables, registres, données informatisées et documents.

L'exercice financier pour tous les fonds prend fin le 31 janvier de chaque année.

**Ingingo ya 56: Itangwa ry'inyandiko zigaragaza kwiyemeza kugura imigabane n'amafaranga yabonetse**

Sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa igomba:

(a) Guha abanyamigabane inyandiko zigaragaza kwiyemeza kugura imigabane mu gihe cy'iminsi 42 uhereye igihe hatangarijwe raporo y'agateganyo ku mafaranga yabonetse;
(b) gutangaza amafaranga yavuye mu igombora ry'imigabane mu minsi mirongo 30 uhereye igihe harangijwe isesa ry'ikigega.

**Ingingo ya 57: Kugaragaza uko imari ihagaze na raporo ngarukamwaka**

Sosiyete icunga ishoramari mu mitungo itimukanwa igomba:

(a) kwirinda kurenza ikigero ntarengwa cy'amafaranga ikoresha cyangwa yaka ku birebana n'ikigega kandi icyo kigero kikaba cyaragenwe n'Ikigo;
(b) gukora ibaruramari ry'ikigega hakurikijwe amabwiriza y'ibaruramari agenwa n'Ikigo;
(c) kubahiriza imiterere yagenwe y'ifoto y'umutungo n'inyandiko y'inyungu n'igihombo igenwa n'Ikigo;
(d) gutegura raporo ngarukamwaka n'ifoto y'imiterere y'imari bya buri kigega ya buri mwaka w'imari.

**Article 56: Dispatch of warrants and proceeds**

The real estate investment management company shall,

(a) Dispatch to the unit holders the warrants within 42 days of the declaration of the interim returns;
(b) Dispatch the redemption proceeds within 30 days of the closure or the winding up of the scheme.

**Article 57: Statement of Accounts and Annual Report**

The real estate investment management company shall:

(a) Not exceed the ceilings on expenses or fees in respect of the scheme as specified by the Authority;
(b) Prepare the accounts of the scheme in accordance with accounting norms as specified by the Authority;
(c) Comply with format of balance sheet and profit and loss accounts as specified by the Authority;
(d) Prepare an annual report and annual statement of accounts of each scheme in respect of each financial year.

**Article 56: Envoi des bons de souscription et des produits**

La société de gestion de placement immobilier doit :

(a) envoyer aux détenteurs de parts des bons de souscription dans les 42 jours de la déclaration des rendements partiels ;
(b) distribuer le produit de rachat dans les 30 jours suivant la clôture ou la liquidation du fonds.

**Article 57: Déclaration des comptes et rapport annuel**

La société de gestion de placement immobilier doit:

(a) éviter de dépasser les plafonds de dépenses ou de frais à l'égard du fonds tel que spécifié par l'Autorité.
(b) préparer les comptes du fonds en conformité avec les normes comptables spécifiées par l'Autorité;
(c) respecter le format de bilan et de comptes de pertes et profits spécifié par l'Autorité;
(d) préparer un rapport annuel et la déclaration annuelle des comptes de chaque fonds pour chaque exercice financier.

Buri sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa igomba mu gihe cy'amezi abiri (2) uhereye ku isozwa rya buri mwaka w'imari kohereza Ikigo kopi ya raporo ya buri mwaka.

**<u>Ingingo ya 58:</u> Raporo y'umugenzuzi w'imari**

Buri kigega kigomba gukoresha igenzuramari ry'ifoto y'imiterere y'imari yayo rikozwe n'umugenzuzi w'imari washyizweho n'Ikigo kandi udakorana mu buryo ubu n'ubu n'umugenzuzi w'imari wa sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa.

Umugenzuzi w'imari ashyirwaho n'uhagarariye abashoramari.

Umugenzuzi w'imari yohereza raporo ye uhagarariye abashoramari kandi iyo raporo ifatwa nka kimwe mu bice bigize raporo ngarukamwaka y'ikigega.

Raporo y'umugenzuzi w'imari igomba kuba ikubiyemo ibintu bikurikira:

(a) Icyemezo gihamya ko:

(i) yahawe amakuru yose n'ibisobanuro byose yizerako byari ngombwa mu gukora igenzuramari;

(ii) ifoto y'umutungo na konti y'amafaranga yinjijwe bigaragaza neza uko ikigega gihagaze, uko ibikorwa byacyo bihagaze ndetse n'amafaranga yasagutse cyangwa yagabanutse mu kigega mu gihe

Every real estate investment management company shall within two months from the date of closure of each financial year forward to the Authority a copy of the Annual Report.

**<u>Article 58:</u> Auditor's Report**

Every scheme shall have the annual statement of accounts audited by an auditor who is empanelled with the Authority and who is not in any way associated with the auditor of the real estate investment management company.

The auditor shall be appointed by the trustee.

The auditor shall forward his report to the trustee and such report shall form part of the Annual Report of the scheme.

The auditor's report shall comprise the following:

(a) A certificate to the effect that:

(i) He has obtained all information and explanations which, to the best of his knowledge and belief, were necessary for the purpose of the audit;

(ii) The balance sheet and the revenue account give a fair and true view of the scheme, state of affairs and surplus or deficit in the scheme for the accounting period to which the Balance Sheet or, as the case may be

Chaque société de gestion de placement immobilier doit, dans les deux mois à compter de la date de clôture de chaque exercice financier, envoyer à l'Autorité une copie du rapport annuel.

**<u>Article 58:</u> Rapport d'audit**

Chaque fonds doit faire vérifier sa déclaration annuelle des comptes par un auditeur qui est nommé par l'Autorité et qui n'est en aucune façon associé à l'auditeur de la société de gestion de placement immobilier.

L'auditeur doit être nommé par l'administrateur.

L'auditeur doit transmettre son rapport à l'administrateur et ce rapport doit faire partie du rapport annuel du fonds.

Le rapport d'audit doit comporter les éléments suivants: -

(a) Un certificat attestant que:

(i) il a obtenu toutes les informations et explications qui, pour autant que l'auditeur le sache, étaient nécessaires aux fins de l'audit;

(ii) le bilan et le compte de recettes donnent une situation fidèle et sincère du fonds, la situation du fonds, l'excédent ou le déficit connu par le fonds pour la période comptable à laquelle le bilan ou, selon le

cy'umwaka w'ibaruramari ujyanye n'ifoto y'umutungo cyangwa se na konti y'amafaranga yinjijwe;

(iii) inyandiko y'imiterere y'imari yarateguwe hakurikijwe amahame n'ibipimo by'ibaruramari byagenwe n'Ikigo.

(b) ikindi kintu cyose umugenzuzi w'imari abona ko ari ingenzi cyane kandi gifite ingaruka ku kigega.

**<u>Ingingo ya 59:</u> Inshingano z'abagenzuzi b'imari b'ikigega**

Umugenzuzi w'imari w'ikigega agomba kumenyesha Ikigo n'uhagarariye abashoramari mu nyandiko kandi vuba bishoboka igihe afite impamvu zifatika zituma akeka ko habaye igikorwa cyo kutubahiriza amabwiriza cyangwa se niba ibigega bidacungwa hakurikijwe amahame y'imicungire myiza mu bucuruzi.

Umugenzuzi w'imari w'ikigega:

(a) afite uburenganzira bwo kugera ku bitabo byose by'ikigega mu masaha yose ya akwiye;
(b) ashobora gusaba umukozi wa sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa kumuha amakuru n'ibisobanuro mu rwego rw'igenzuramari.

the Revenue Account relates;

(iii) The statement of account has been prepared in accordance with accounting policies and standards as specified by the Authority.

(b) Any other matter which in the opinion of the auditor is vital and has a bearing on the schemes.

**<u>Article 59:</u> Functions of auditors of scheme**

The auditor of the scheme shall, as soon as possible, notify the Authority and the trustee in writing if he has reasonable grounds to suspect that a contravention of the regulations has occurred or if the schemes are not conducted on sound commercial principles.

The auditor of the scheme:

(a) Shall have a right of access at all reasonable times to the books of the scheme; and
(b) May require any employee of the Real estate investment management company to give the auditor information and explanations for the purposes of the audit.

cas, le compte de recettes se rapporte;

(iii) le relevé de compte a été préparé en conformité avec les principes comptables et les normes spécifiés par l'Autorité.

(b) toute autre question qui, de l'avis de l'auditeur, est essentielle et a une incidence sur le fonds.

**<u>Article 59:</u> Fonctions de l'auditeur du fonds**

L'auditeur du fonds doit, dès que possible, informer par écrit l'Autorité et l'administrateur s'il a des motifs raisonnables de soupçonner qu'une contravention aux règlements a survenu ou si les fonds ne sont pas gérés conformément aux principes commercialement viables.

L'auditeur du fonds:

(a) disposer d'un droit d'accès en tout temps raisonnable aux livres du fonds;

(b) peut demander à un employé de la société de gestion de placement immobilier de lui donner des informations et des explications à des fins d'audit.

**Ingingo ya 60: Iyirukanwa cyangwa iyegura ry'abagenzuzi b'imari**

Ikigega gishobora kwirukana umugenzuzi w'imari w'ikigega kubera imyitwarire mibi cyangwa kunanirwa akazi nyuma yo kumuha umwanya wo kwisobanura kandi impamvu zitumye yirukanwa zigomba gushyirwa mu nyandiko. Nyamara ariko icyo gihe hashyirwaho undi mugenzuzi w'imari w'ikigega ashyizweho n'ikigega uhita atoranywa mu bagenzuzi b'imari bashyizweho n'Ikigo.

Umugenzuzi w'imari w'ikigo ashobora kwegura atanze abikoze mu nyandiko y'integuza yoherereza sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa n'ikigega cy'ishoramari mu mutungo utimukanwa.

**Ingingo ya 61: Gutangaza Raporo ngarukamwaka n'incamake yayo**

Raporo ngarukamwaka y'ikigega cyangwa se incamake yayo bitangazwa mu kinyamakuru cyo mu gihugu gisohoka buri munsi kandi ibyo bigakorwa vuba bishoboka bitarenze amezi abiri (2) uhereye ku itariki umwaka w'imari warangiriyeho.

Iyo Raporo ngarukamwaka igomba kuba ikubiyemo amakuru agenwa n'Ikigo ndetse n'andi yose ya ngombwa akenewe kugira ngo hagaragazwe ku buryo buri bwo kandi bunoze uko ibikorwa by'ubucuruzi bya sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa bihagaze.

Iyo hatangajwe incamake y'iyo raporo ni ngombwa

**Article 60: Removal or Resignation of auditors**

The trust for reasons to be recorded in writing may remove the auditor of the scheme for misconduct or inefficiency after giving the auditor a reasonable opportunity of being heard. Provided that another auditor for the scheme is appointed by trust immediately from auditors empanelled with the Authority.

The auditor of the scheme may resign by giving a three months written notice to the real estate investment management company and to the real estate investment trust.

**Article 61: Publication of Annual Report and summary thereof**

The scheme wise annual report or an abridged form thereof shall be published in a national daily as soon as possible but not later than two calendar months from the date of finalisation of accounts.

The annual report shall contain details as specified by the Authority and such other details as are necessary for the purpose of providing a true and fair view of the operations of the real estate investment management company.

The report if published in abridged form shall carry

**Article 60: Révocation ou démission des auditeurs**

La fiducie peut, pour des raisons devant être portées à l'écrit peut, révoquer l'auditeur du fonds pour faute ou cause d'inefficacité après lui avoir donné des chances raisonnables d'être entendu. Dans ce cas, la fiducie doit nommer un autre auditeur du fonds immédiatement parmi les auditeurs nommés auprès de l'Autorité.

L'auditeur du fonds peut démissionner en donnant à la société de gestion de placement immobilier et à la fiducie de placement immobilier un préavis écrit de trois (3) mois.

**Article 61: Publication du rapport annuel et de son résumé**

Le rapport annuel judicieux du fonds et son résumé doivent être publiés dans un quotidien national le plus tôt possible et ce, au plus tard deux mois civils à compter de la date de finalisation des comptes.

Le rapport annuel doit contenir des détails spécifiés par l'Autorité ainsi que d'autres détails qui sont nécessaires pour donner une image fidèle et sincère des opérations de la société de gestion de placement immobilier.

S'il a été publié sous forme abrégée, le rapport

gushyiramo inyandiko ivugako ushaka kugenzura raporo ngarukamwaka yuzuye yayisanga ku cyicaro gikuru no ku mashami yose ya sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa.

**Ingingo ya 62: Amakuru atangwa ku buryo ngaruka ndetse n'atangwa buri gihe**

Sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa ndetse n'uhagarariye abashoramari batanga amakuru aya n'aya cyangwa bagashyikiriza inyandiko izi n'izi igihe cyose babisabwe n'Ikigo.

Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya (1) muri rusange kandi bikozwe mu izina ry'ikigega, sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa ishyikiriza Ikigo raporo ngarukagihe. Muri izo raporo twavuga:

(a) kopi z'ibitabo by'ibaruramari by'umwaka byasuzumwe n'umugenzuzi w'imari harimo ifoto y'umutungo n'inyandiko igaragaza inyungu n'igihombo bya buri kigega kandi ibyo bigakorwa rimwe mu mwaka;
(b) kopi y'ibitabo by'ibaruramari ngarukagihembwe bitari byasuzumwa n'umugenzuzi w'imari;
(c) inyandiko ngarukagihembwe igaragaza impinduka zabaye mu mutungo bwite w'ikigega.

a note that full annual report shall be available for inspection at the Head Office and all branch offices of the real estate investment management company.

**Article 62: Periodic and continual disclosures**

The real estate investment management company and the trustee shall make such disclosures or submit such documents as they may be called upon by the Authority to make or submit.

Without prejudice to the generality of paragraph (1), the real estate investment management company on behalf of the scheme shall furnish the following periodic reports to the Authority, namely:

(a) Copies of the duly audited annual statements of accounts including the balance sheet and the profit and loss account in respect of each scheme, once a year;

(b) A copy of quarterly un audited accounts;

(c) A quarterly statement of changes in net assets for each of the schemes.

doit s'accompagner d'une note indiquant que le rapport annuel complet doit être disponible pour inspection au siège social et à tous les succursales de la société de gestion de placement immobilier.

**Article 62: Informations périodiques et continues**

La société de gestion de placement immobilier et l'administrateur doit donner des informations ou soumettre des documents qui peuvent être exigés par l'Autorité.

Sans préjudice de la portée générale de l'alinéa (1), la société de gestion de placement immobilier doit, au nom du fonds, fournir à l'Autorité les rapports périodiques suivants:

(a) les copies des déclarations de comptes annuels dûment vérifiés, y compris le bilan et le compte de profits et pertes au titre de chaque fonds, une fois par an;

(b) une copie des comptes trimestriels non vérifiés;

(c) une déclaration trimestrielle de l'évolution de l'actif net de chacun des fonds.

**Ingingo ya 63: Amakuru atangwa buri gihembwe**

Sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa igomba gutangaza ifoto yayo y'imari itari yasuzumwa n'umugenzuzi w'imari muri kimwe mu binyamakuru bisohoka buri munsi gisomwa mu gihugu hose no mu kinyamakuru gisohoka mu rurimi rukoreshwa mu karere icyicaro gikuru cya sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa giherereyemo kandi ibyo ikabikora mu izina ry'ikigega mbere y'uko ukwezi kumwe kurangira uhereye ku itariki y'isozwa rya buri gihembwe ni ukuvuga ku itariki ya 31 Werurwe, ku ya 30 Kamena, ku ya 30 Nzeri no ku ya 31 Ukuboza. Kandi na none iyo raporo ngarukagihembwe itari yasuzumwa n'umugenzuzi w'imari ivugwa muri iyi ngingo igomba kuba ikubiyemo amakuru ateganijwe mu Mabwiriza ndetse n'andi yose akenewe kugira nga hashobore kugaragazwaa ku buryo buri bwo kandi bunoze uko ibikorwa by'ubucuruzi by'ikigega bihagaze.

**Article 63: Quarterly disclosures**

A real estate investment management company, on behalf of the scheme shall before the expiry of one month from the close of each quarter that is 31st March, 30th June, 30th September and 31st December publish its unaudited financial results in one daily newspaper having nationwide circulation and in a newspaper published in the language of the region where the Head Office of the real estate investment management company. Provided that the quarterly unaudited report referred in this article shall contain details as specified in the regulations and such other details as are necessary for the purpose of providing a true and fair view of the operations of the scheme.

**Article 63: Informations trimestrielles**

Une société de gestion de placement immobilier doit, au nom du fonds et avant l'expiration d'un mois à compter de la clôture de chaque trimestre intervenant le 31 mars, 30 juin, 30 septembre et 31 décembre, publier ses résultats financiers non vérifiés dans un quotidien ayant une diffusion nationale et dans un journal publié dans la langue de la région où se trouve le siège social de la société de gestion de placement immobilier. Toutefois, le rapport trimestriel non vérifié visée dans le présent article doit contenir des détails spécifiés dans les règlements et tous les autres détails qui sont nécessaires pour fournir une image fidèle et sincère des opérations du fonds.

**Ingingo ya 64: Amakuru ahabwa abashoramari**

Uhagarariye abashoramari agomba gukora ku buryo sosiyete icunga ishoramari mu mutungo utimukanwa iha ba nyir'ibice fatizo by'imigabane amakuru y'ingenzi abafasha kumenya buri gihe ikintu cyose gishobora kubangamira ishoramari ryabo.

**Article 64: Disclosures to the investors**

The trustee shall ensure that the real estate investment management company shall make such disclosures to the unit holders as are essential in order to keep them informed about any matter which may have an adverse bearing on their investments.

**Article 64: Informations à fournir aux investisseurs**

L'administrateur doit veiller à ce que la société de gestion de placement immobilier donne aux détenteurs de parts des informations qui sont essentiels afin de les informer de toute question susceptible d'avoir une influence défavorable sur leurs investissements.

**Ingingo ya 65: Gutumiza inama ya ba nyir'ibice fatizo by'imigabane, kwegurira no guhererekanya ibice fatizo by'imigabane.**

Uburyo bwo gutumiza inama ya ba nyir'ibice fatizo by'imigabane, kwegurira no guhererekanya ibice fatizo by'imigabane bugenwa n'Ikigo.

**UMUTWE WA XI: INGENZURA N'UBUGENZUZI BW'IMARI**

**Ingingo ya 66: Uburenganzira bw'Ikigo bwo gukora igenzura n'iperereza**

